


MICT-12-25  
10-07-2014  
(447/ter - 444/ter)

447/ter  
ZS



**Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga  
rwashyiriweho u Rwanda**

Arusha International Conference Centre  
P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania  
Tel: 255 27 2504207-11/2504367-72 or 1 212 963 2850 — Fax: 255 27 2504000/2504373 or 1 212 963 2848

Itariki: 31 Gicurasi 2014

Kuri: Perezida w'Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko  
Mpanabyaha Mpuzamahanga (MICT)

Perezida w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u  
Urwanda (TPIR)

Binyujijwe kuri : Gerefiye wa MICT  
Gerefiye wa TPIR

Byanditswe na: Anees Ahmed  
Umugenzuzi wa TPIR/MICT mu rubanza rwa Uwinkindi

**RAPORO Y'UBUGENZUZI MU RUBANZA RWA UWINKINDI  
(Mata 2014)**

Received by the Registry  
Mechanism for International Criminal Tribunals  
10/07/2014 16:19

*Anees Ahmed*

R(RM)14-0033K

1

Byahinduwe mu kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Raporo y'igenzura mu rubanza rwa Uwinkindi (A.Ahmed, Mata 2014)

## I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo y'ubugenzuzi irebana n'ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi mu nkiko z'u Rwanda n'ibiganiro umugenzuzi washyizweho na ICTR/MICT yagiranye n'abantu batandukanye barebwa n'urwo rubanza muri Mata 2014 (« igihe kirebana na Raporo »). Muri icyo gihe kirebana n'iyi raporo, nagiye mu Rwanda inshuro imwe.

## II. RAPORO MU MAGAMBO ARAMBUYE

### *a. Iburanisha ribanziriza urubanza n'itegura ry'urubanza*

2. Ku itariki ya 4 Mata 2014, Urukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda rwavuze ko ubujurire bwa Uwinkindi ku ngoboka nta shingiro bufite, rwemeza ko ibyo yajuririye bishobora kuzajuririrwa ubwo urubanza mu mizi ruzaba rushojwe rukanacibwa. Urukiko rw'Ikirenga rwanzuye ko hari ibibazo bijyanye n'imiburanishirize bishobora kujuririrwa hamwe n'urubanza nyirizina rumaze gucibwa, kandi ko uregwa adafite buri gihe uburenganzira bwo kubyutsa bimwe mu bibazo bijyanye n'imiburanishirize mu rwego rw'ubujurire ku ngoboka mu Rukiko rw'Ikirenga. Rumaze gutanga ibyo bisobanuro, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko ubujurire bwa Uwinkindi nta shingiro bufite ariko ko bitabujije ko yabyutsa icyo kibazo ikindi gihe.
3. Uretse iburanisha ryo ku itariki ya 4 Mata 2014, nta yindi mirimo yerekeranye n'iburanisha yabaye mu rubanza rwa Uwinkindi muri Mata. Ababuranyi bakomeje kwitegura iburanisha ry'urubanza mu mizi rizatangira ku itariki ya 14 Gicurasi 2014.

4. Ku itariki ya 24 Mata 2014, Janvier Bayingana, umuyobozi w'ishami ryita ku mutekano w'abatangabuhamya ryo mu Rukiko rw'Ikirenga (WPU mu magambo ahinnye y'icyongereza), yambwiye ko WPU yashyikirijwe n'Ubushinjacyaha n'Ubwunganizi, intonde z'amazina y'abatangabuhamya z'agateganyo, kandi ko igihe ababuranyi bazasabira ko hashyirwaho ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya runaka, WPU yiteguye guhita ibibakorera. Bayingana yavuze ko mu gihe hagitegerejwe ko ababuranyi basobanura niba abatangabuhamya bazatanga ubuhamya mu ruhame, amakuru afite yahawe n'ababuranyi azakomeza kuyafata nk'ibanga. Yavuze ko WPU yakoresheje mbere ahantu ifite mu rwego rw'umutekano w'abatangabuhamya mu zindi manza zoherejwe mu Rwanda zivuye mu bindi bihugu, ko bityo rero, bitazayigora kuhakoresha ku manza zoherejwe mu Rwanda na TPIR.

*b. Uburyo uregwa afunzwemo*

5. Ku itariki ya 2 Mata 2014, imfungwa zoherejwe mu Rwanda na TPIR (Bernard Munyagishari na Jean Uwinkindi) zifataniye n'abandi babana mu gice cyihariye cya gereza ya Nyarugenge, zandikiye Diregiteri wa gereza Alex Murenzi. Mu byo zasabye ko byahindurwa harimo isaha baherwaho amafunguro n'imiterere yayo.
6. Ku itariki ya 25 Mata 2014, biturutse ku gitekerezo cya Diregiteri wa gereza, nagiranye inama na Janet Bugingo, Diregiteri wa gereza wungirije. Muri iyo nama, Bugingo yavuze ko azi ibikubiye muri iyo nyandiko kandi ko ibibazo byavugwagamo byabonewe umuti ushimishije.
7. Ku itariki ya 14 Gicurasi, nabonanye na Uwinkindi kuri gereza maze mubaza ku buryo afunzwemo. Mu byo yambwiye harimo ko uburyo afunzwemo bwabaye bwiza kurushaho kuva aho Murenzi agereye kuri iyo gereza, kandi ko nihabaho ibindi bibazo azabimenyeshwa.

c. *Ibindi*

8. Ku itariki ya 3 Mata 2014, Gerefiye wa MICT yashyizeho uwitwa Jelena Gudiric kuba umugenzuzi w'inyongera uzakurikirana imanza ebyiri zoherejwe mu Rwanda na TPIR<sup>1</sup>, akaba yari asanzwe ari umujyanama mu by'amategeko akaba n'umuhuzabikorwa mu biro bya Gerefiye w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugoslavia.

### III.UMWANZURO

Iburanisha ry'urubanza rwa Uwinkindi mu mizi yarwo ryatangiyeye ku itariki ya 14 Gicurasi 2014 mu Rukiko Rukuru rwa Repuburika y'u Rwanda kandi rizakomeza ku itariki ya 4 Kamena 2014.

(Umukono)  
Anees Ahmed

Umugenzuzi wa TPIR/MICT mu rubanza rwa Uwinkindi

-----

<sup>1</sup> Urubanza rwa Jean Uwinkindi N°.MICT-12-25&MICT-12-20, icyemezo gishyiraho umugenzuzi, Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpuzamahanga, 3 Mata 2014, uru p.2